Abunzi

Igice cya 7
Ikibwiriza cy'amajwi: Ikibwiriza cyo ku Musozi 7

Intego: Gusobanukirwa imyumvire myiza ya karindwi no kumenya icyo bivuze kuba umuntu ukiranura. (Matayo 5:1-9)

"Hahirwa abakiranura, kuko ari bo bazitwa abana b'Imana."

- *Matayo 5:9*

Ikiremwa muntu cyatanudkanye n'Imana. Ni cyo gituma abigishwa ba Kristo, abageze hejuru ku musozi, bagomba kumanukana umugambi. Niba twarunzwe n'Imana, umubano wacu nayo waratunganyijwe, birumvikana ko Imana yadukoresha gufasha abandi kugira ngo nabo biyunge n'Imana. Idufasha no kwiyunga n'abandi ndetse inadukoreshe gufasha abandi kwiyunga. Imyumvire myiza ya karindwi ivuga umurimo abagomba kuba igisubizo cy'Imana bagomba gukora.

1. Imyumvire myiza ya karindwi ni, "Hahirwa_____, kuko ari bo bazitwa_____."
2. **Ni ukuri** cyangwa si ukuri? Buri muntu wunzwe n'Imana yaba umwunzi.
3. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Kuba umukiranura bivuze gufasha abantu kwiyunga n'Imana, ariko ntaho bihuriye no kubafasha kwiyunga na bagenzi babo.
4. Ni ukuri cyangwa **si ukuri**? Abashumba n'abandi bavuga butumwa babigize umwuga nibo bonyine bafite ubushobozi bwo gufasha abantu kwiyunga n'Imana.

Soma 2 Abakorinto 5:14-21maze uhitemo igisubizo kimwe cya buri kibazo muri ibi bibazo bine bikurikira.

5. Ni iki kiduhatira kubwira abandi ubutumwa bw'Imana butanga agakiza (umurongo wa 14)?
   a. Ni amategeko yayo
   b. Ni urukundo rwayo
   c. Ni uko dushinjwa mu mitima
   d. Ni impano n'ingabire zacu

6. Ni gute Imana yiyunga n'isi muri Kristo? (Umurongo 19)?
   a. Atwigisha uko twayishimisha
   b. Atubwira ko ari nta cyaha kibaho
   c. Atubwira ko icyaha atari ikintu gikomeye
   d. Ntabwo atubaraho icyaha

> *14 Urukundo rwa Kristo ruraduhata, kuko twemejwe nk'uko Umwe yapfiriye bose ari ko bose bapfuye, 15 kandi yapfiriye bose kugira ngo abariho be gukomeza kubaho ku bwabo, ahubwo babeho ku bw'uwo wabapfiriye akanabazukira. 16 Ni cyo gituma uhereye none tutazagira uwo dutekereza dukurikije amasekuruza, nubwo ari ko twatekerezaga Kristo, ariko noneho ntitukimutekereza gutyo. 17 Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya, ibya kera biba bishize. Dore byose biba bihindutse bishya. 18 Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi, 19 kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo, kandi noneho yatubikije ijambo ry'umwuzuro. Ni cyo gituma tuba intumwa mu cyimbo cya Kristo, ndetse bisa n'aho Imana ibingingira muri twe. Nuko rero, turabahendahenda mu cyimbo cya Kristo kugira ngo mwiyunge n'Imana, 21 kuko Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw'Imana."* —2 Abakorinto 5:14-21

7. Iyi nshingano yo gutanga ubutumwa bw'agakiza ni iya nde (umurongo 19)?
   a. Imana izabyikorera cyangwa yohereze abamarayika.
   b. Buri muri Bibiliya; abantu babubona babushatse.
   c. Ni twe ntumwa

d. Bakeya bazi kuvuga neza nibo bahabwa iyi nshingano.

8. Ni gute wasobanura imyumvire ya Pawulo mu murongo 20?
   a. Nta gahunda
   b. Agira ishyaka n'umwete
   c. Afite uburakari kandi aca imanza
   d. Nta mpuhwe kandi ntabwo yita ku bantu

9. Ni buryo ki bwiza umuntu yabamo "intumwa" ya Kristo, cyangwa umwunzi w'Imana n'abantu ndetse n'abantu n'abandi? (Hitamo ibisubizo byose ubona ko ari ukuri)
   a. **Kubwiriza abandi ubutumwa bwiza**
   b. Kujya mu rusengero gutera kenshi
   c. **Garagaza urukundo n'imbabazi z'Imana**
   d. Garagariza abantu ibyaha byabo maze ubabwire ko bagomba guhinduka
   e. **Ihanganire abantu batazi Imana**
   f. **Inginga abantu kugira ngo bamenye ukuntu umubano wabo n'Imana ari ingenzi**
   g. Ntukabane n'abanyabyaha.

10. Utekereza ko igituma abunzi bazitwa abana b'Imana ari iki? (Hitamo ibisubizo byose ubona ko ari ukuri)
   a. Barumvira kandi bagakora umurimo wa yo.
   b. Basa na yo.
   c. Babyawe n'Umwuka wa yo.
   d. Baguze igikundiro cya yo.

Ni iki urimo gukora kugira ngo wunge abantu n'Imana? Mbese haba hari umuntu ugomba kwiyunga nawe? Niba ari byo, ni iki Imana ishaka ko ubikoraho? Ni iki urimo gukora kugira ngo ufashe abantu kwiyunga na bagenzi babo?

_____

_____

_____

Imana ishimwe ko yohereje Yesu kutwunga n'Imana kandi ikaba itatubaraho ibyaha byacu. Saba Imana igufashe kuba intumwa ya yo ndetse inaguhe amahirwe yo kuyiyoboraho abandi. Saba Imana igufashe kwiyunga na buri muntu ugomba kubana amahoro nawe.

Kujya imuhengeri

1. Mbese bivuze iki kuba Imana yariyunze n'abantu?

   _____

   _____

   _____

2. Igitangaza cyubwiyunge ni iki?

   _____

_____
_____

3. Umurimo w’ubwiyunge n’iki?

_____
_____
_____

4. Ni murimo ki urimo gukora kugira ngo abantu biyunge n’Imana?

_____
_____
_____

5. Mbese haba hari umuntu ugomba kwiyunga nawe? Niba ari byo, ni iki Imana ishaka ko ubikoraho?

_____
_____
_____

6. Ni iki wakora kugira ngo ufashe abantu biyunge na bagenzi babo? Mbese haba hari icyo urimo gukora gufasha abandi kwiyunga?

_____
_____
_____

7. Utekereza ko ari iki ikizatuma abunzi bitwa abana b’Imana?

_____
_____
_____